

**UBURWAYI
BUTURUKA KU
UBUSHYUHE
KU KAZI**

**MENYA IBIMENYETSO
GUSABA KURINDWA**

Amakuru yerekeye uburwayi buturuka
ku bushyuhe n'uko wagabanya ibyago
ku kazi. Swipe thru >>>

UBURWAYI BUTURUKA KU BUSHYUHE BUGIRA INGARUKA KU BAKOZI BAKORERA MU NZU N'ABAKORERA HANZE



2/9

Menya amakuru mpamo: Ibibazo by'ubushyuhe abakozi bafite

- Ubushyuhe bwica kandi bukarwaza abakozi buri muni.
- Uburwayi buturuka ku bushyuhe bushobora kwirindwa.
- Ntabwo byemewe n'amategeko ko abakoresha bateza abakozi ibyago biterwa n'ubushyuhe.
- Ibyago biterwa n'ubushyuhe biboneka mu kazi gatandukanye gakorerwa mu nzu no hanze.

@nationalcosh



UBURWAYI BUTURUKA KU BUSHYUHE BUGIRA INGARUKA KU BAKOZI BAKORERA MU NZU N'ABAKORERA HANZE

Kuba ahantu hari ubushyuhe buteza akaga bishobora kubaho mu nzu cyangwa hanze, kandi bishobora kubaho mu gihe cyose niba ariko imiterere imeze, atari mu gihe hari imirasire y'izuba gusa.

Impamvu zishobora gutera uburwayi buturuka ku bushyuhe zirimo ibikorwa bisaba ingufu nyinshi, imiterere y'abantu ishyushye cyangwa ihinda umuriro, akamenyero gake, no kwambara imyenda ituma umubiri ukomeza gushyuha.

2/9

Inganda zifite ibyago byinshi byo gutera Indwara zituruka ku bushyuhe

Akazi gakorerwa hanze

- Ubuhinzi,
- Ubwubatsi (Gusana umuhanda no kubaka igisenge by'umwihariko),
- Kugemura Amapaki,
- Gucukura amavuta na gazi



Akazi gakorerwa mu nzu

- Imigati, Ibikoni, Ahameserwa imyenda
- Ibikoresho bikoresha amashanyarazi (by'umwihariko Ibyumba byo gushyushya),
- Imashini zikora ibyuma n'inganda zishongesha ibyuma,
- Gukorera mu nganda hakoreshwa ibintu bitanga ubushyuhe imbere nk'amafuru,
- Kubika ibyuma muri sitoke



@nationalcosh



MENYA IBIMENYETSO BIBURIRA BY'UBURWAYI BUTERWA N'UBUSHYUHE



3/9

Ibimenyetso by'uburwayi buterwa n'ubushyuhe

- Kuraba, isereri
- Umutwe
- Iseseme, Kuruka
- Ibicuro
- Gutera cyane kw'umutima
- Intege nke, Kubabara imikaya
- Uruhu Rwumagaye,
Ruhishije, Rushyushye
CYANGWA rwabize ibyuya

**UBUSHYUHE BUSHOBORA KWICA
IGIHE USHIDIKANYA HAMAGARA 911**

@nationalcosh >>>

KUMENYA AHATURUKA IBYAGO BITEWE N'UBUSHYUHE



4/9

- Akazi gakorerwa hanze.
- Akazi gakoreshwa imbaraga nyinshi.
- Imyambaro yo kwirinda iremereye n'ibikoresho.
- Gukorera ahantu hafunganye.
- Akazi Gashyushye gakorerwa mu nzu- nko gukorera mu gikoni, icyumba babirizamo amazi, ibikoresho byo kumeza cyangwa ububiko

@nationalcosh >>>

UBUTABAZI BW'IBANZE KU BURWAYI BUTERWA N'UBUSHYUHE



4/9

- Jyana umukozi ahantu hakonje (mu gicucu cyangwa hari igikoresho gitanga akayaga gahehereye).
- Hita umukonjesha:
 - o Mushyire mu mazi akonje ukoresheje balafu niba ihari
 - o Vanamo imyenda ye y'inyuma, cyane cyane ibikoresho byo kwirinda biremereye.
 - o Koresha amapaki arimo urubura cyangwa isume zitose zikonje ku mutwe we, ijosi, igihimba, mu kwaha, no mu kiziba cy'inda.
 - o Koresha igikoresha kizana umuyaga uzengurutse umuyaga mu mpande ze.
- Wisiga umukozi wenyine, ashobora kuremba byihuse.
- Niba ushidikanya, HAMAGARA 9-1-1.

@nationalcosh



IRINDE UBWAVE N'ABAKOZI MUKORANA UBURWAYI BUTERWA N'UBUSHYUHE



5/9

- ✓ Horana amazi mu mubiri- nywa amazi menshi (Si fanta, ibinyobwa byongera imbaraga cyangwa inzoga).
- ✓ Fata ibiruhuko kure y'ubushyuhe (igicucu cyangwa ibikoresho bizana ubukonje ni byiza cyane)
- ✓ Ambara ingofero kandi wambare wirinda ubushyuhe.
- ✓ Abakozi bakorana bagomba kugenzurana kugira ngo barebe ibimenyetso by'uburwayi buterwa n'ubushyuhe.
- ✓ Emerera abakozi bashya cyangwa abagarutse ku kazi kugira ngo bamenyere akazi (ongera igihe ugeze kuri 20% /ku munsi) kugira ngo habeho kubaka ubworoherane.
- ✓ Sobanukirwa uko izindi mpamvu nk'urwego rw'igikorwa, imyambaro/ibikoresho by'ubwirinzi, ububobere, bigira ingaruka ku kwihanganira ubushyuhe

@nationalcosh >>>

ICYO ABAKOZI BASHOBORA GUKORA



6/9

1. Kumenya ibijyanye n'indwara z'ubuzima n'uburyo bwo kuzirinda.
2. Gutanga ibitekerezo ku byago by'aho bakorera
3. Kwandika ibyabaye.
4. Gushyiraho komite ishinzwe Ubuzima n'Umutekano.
5. Gukusanya numero za telefone z'abo bakorana bose niba wabishobora.
6. Gutoranya uburyo bwo guhana ubutumwa.
7. Gutegura no gushaka ingamba zakoreshe mu kugeza impungenge zanyu ku buyobozi.
8. Gufatira icyemezo hamwe cy'ibyo muha umwanya wa mbere.
9. Nk'itsinda, musabe umukoresha wanyu gushyira mu bikorwa ibyo muha umwanya wa mbere.

MENYA IBINDI

www.nationalcosh.org/heat



UBUSABE BW'IGISHUSHANYO MBONERA CY'AHAKORERWA AKAZI



7/9

Umukoresha wawe agomba kuba afite gahunda yanditse yo kurinda abakozi uburwayi buterwa n'ubushyuhe. Gahunda igomba:

- Gutegurwa hifashishijwe ibitekerezo by'abakozi.
- Kongeramo ingingo zo guha abakozi amahirwe yo kubona amazi, kuruhuka n'ubushobozi bwo kuyakonjesha ku buryo buhoraho.
- Kongeramo ubugenzuzi bw'ubwubatsi n'ubuyobozi hagamijwe ku gabanya ubushyuhe (nk'ahantu hari igicucu ho kuruhukira na/ cyangwa ibyo kwitwararika ku bakozi bashya cyangwa abagarutse bavuye mu kiruhuko cyongerewe)
- Umukoresha wawe akwiye kugira uburyo bwo gusuzuma ubushyuhe bwose (ubushyuhe n'ubukonje+igikorwa+izindi mpamvu zihariye ku ruganda rwawe).
- Kora ku buryo abakozi bose, abagenzuzi n'ubuyobozi babona amahugurwa kuri gahunda n'ibiyikubiyemo.

MENYA IBINDI

www.nationalcosh.org/heat



KONGERE NA OSHA BIRINDA IBISABWA



8/9

Asuncion Valdivia Itegeko ryo Gukumira Uburwayi buterwa n'Ubushyuhe n'Ibyateza urupfu :

Risaba Ubuyobozi Bushinzwe Umutekano n'Ubuzima (OSHA) gushyiraho igipimo fatizo kigomba kubahirizwa mu kurinda abakozi ahantu hari ubushyuhe bukabije.

Ingamba zizaba zikubiyemo ibiruhuko Byishyurwa bibera ahantu hari amafu, kubasha kugera ku mazi, kugabanya igihe cyo kuba ahantu hari ubushyuhe, n'igisubizo cyihutirwa ku bakozi bafite uburwayi bufitanye isano n'ubushyuhe.

Riyobora abakoresha uko baha amahugurwa abakozi babo ku bishobora guteza ibyago byaganisha ku burwayi buterwa n'ubushyuhe, n'inama z'uburyo bukwiye gukurikizwa mu kugira igikorwa ku bimenyetso byagaragaye.

MENYA IBINDI

www.nationalcosh.org/heat





9/9

**Abakozi bagomba buri gihe
kugira uruhare mu gutegura
Gahunda yo Gukumira
Ibibazo biterwa n'Ubushyuhe
no Kugira icyo bakora**

**Hari IMBARAGA mu mibare!
Mufatire ibyemezo hamwe:
Ubusabe buhabwa umukoresha
bwo kubarinda Butangwa uri
kumwe n'abo mukorana, ntabwo
butangwa uri wenyine.**

KU YANDI MAKURU SURA
nationalcosh.org/heat